Rwose ibyo uvuga ndetse uhamagarira ni byiza, iyaba watubwiraga niba ibyo twakoze hari icyiru byaba

Hadith yaturutse kwa Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Abantu bo mu babangikanyamana bari barishe abantu benshi, ndetse basambanya abantu benshi, baje ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) maze barayibwira bati: Rwose ibyo uvuga ndetse uhamagarira ni byiza, iyaba watubwiraga niba ibyo twakoze hari icyiru byaba bifite! Nuko Allah amanura umurongo muri Qur'an ugira uti: {Na babandi batabangikanya Allah n’izindi mana, ntibice icyo Allah yaziririje bitanyuze mu kuri, kandi ntibanasambane...} [Al Furqan: 68]. Ndetse hamanuka n'undi murongo ugira uti: {Vuga (yewe Muhamadi) uti “Yemwe bagaragu banjye mwakabije mu kwihemukira! Ntimukajye mwiheba kuko impuhwe za Allah (zikiriho)...” } [A-Zumar: 53].

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Bamwe mu babangikanyamana baje kureba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), bari barakoze ibyaha byinshi barishe, baranasambanye, nuko babwira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bati: Mu by'ukuri ibyo uduhamagarira mu nyigisho z'ubuyisilamu ni byiza, ariko bite byacu n'ibyaha twakoze nk'ibangikanyamana n'ibindi byaha bikuru? Ese hari icyiru cyabyo gihari? Nuko hamanuka imirongo ibiri igaragaza ko Allah yakira ukwicuza kw'abantu kabone n'iyo baba barakoze ibyaha byinshi ndetse bihambaye; iyo bitaza kuba ibyo bari guhama mu buhakanyi bwabo no mu bugizi bwa nabi bwabo, ndetse ntibari no kuyoboka iri dini.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/65071